



Kanama 2023

Ikinyarwanda

Vuga amagambo meza!

**Vuga ijambo rimwe gusa umugaragu
wanjye arakira!**

(Lk 7,7)

Kontakt:

Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432
meinolf.wacker@go4peace.eu
www.go4peace.eu

Mail:
Homepage

Nshuti bakunzi ba go4peace,

„Ndagutekereza! Nturi wenyine!“ Ijambo nk’iri ritera akanyabugabo by’ukuri, iyo umuntu ari mu bihe bikomeye by’ubuzima. Urugero nk’iyo umuntu agiye gukora ikizamini, nk’iyo ategereje kubagwa, cyangwa se iyo abona ejo hazaza he hegereje hadasobanutse. Iri jambo riba rimeze nk’urutare umuntu yakishingikirizaho ahuye n’umuhengeri mu nyanja. Waba wibuka umuntu wigeze kukubwira iri jambo. Gerageza uryiyongorerere na none. Urumva ukuntu umererwa neza, biguha icyizere.

Ijambo ryose rivuzwe rigira ingaruka. Amagambo meza arakomeza, amabi cyangwa se ibihuha, birahungabanya ndetse bikanakomeretsa. Umutegeka w’abasirikare wo mu gihe cya Yezu, yari azi ingaruka nziza amagambo meza agira. Yashakaga gufasha umwe mu bagaragu be wari urwaye, ni uko yizera umusaruro w’amagambo meza ya Yezu. Ariko kandi ntiyashakaga kurushya Yezu. Ni ko kumubwira ati: „Vuga ijambo rimwe gusa umugaragu wanjye arakira!“

Umunyeshurikazi wabaga mu mugi wacu, igihe cyari kigeze ngo adusezereho nyuma y’imyaka myinshi twari tumaranye. Nari naragerageje kumukomeza mu bihe bikomeye yagiye anyuramo. Gusezera ntabwo byari bimworoheye. Ni uko mwemerera kumutwara nkamugeza kuri gare aho yagombaga gufatira gariyamoshi. Yarabyemeye. Mbere y’uko ahaguruka twabanje gusangirira ikawa muri Gare. Ntitwavuze menshi. Byari bihagije gusa kuba aho turi kumwe. Ni uko ndamuherekeza mugeza aho yagombaga kuririra mutwaje igikapu cye. Hari umuvundo mwinshi abantu banyuranamo. Ni uko igihe kiragera ngo dusezerane ho. „Urakoze ku bw’icyizere gikomeye. Isengesho ryanje rizaguherekeza“, ni ko namubwiye. Nagaumye aho gato, ni uko ndamupepera kugeza ubwo gariyamoshi ye yahagurukaga. Nyuma yaje kunyohereza ubutumwa bugufi. „Mbega ukuntu ari byiza kuba twari kumwe mu masaha ya nyuma mbere y’uko ntagira urugendo. Byampaye imbaraga nyinshi n’icyizere. Ngushimiye mbikuye ku mutima. Wabaye nk’umuvandimwe wanjye!“ – **Vuga amagambo meza!**

ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker